IYI NKURU NI IYO GUTANGAZWA
Kamena 16, 2007

Contacts Média:
Ines Mpambara (Guverinoma y'u Rwanda) +250 08308306;
Kristin Pugh (PEPFAR) +1 202 663 2708/+250 03009966;
Amanda Mitchell (Global Fund) +1 917 250 1175;
Sophie Barton-Knott (ONUSIDA) +41 22 791 1697; Victor Chinyama (UNICEF), +254 722 701 505;
Phil Hay (Banki y'Isi Yose) +1 202 409 2909; Iqbal Nandra (OMS) +41 22 791 5589

2007 inama y'Abashinzwe Gushyira mu Bikorwa Gahunda zo kurwanya icyorezo cya SIDA yatangijwe i Kigali, Rwanda

Kigali, Rwanda – Inama ngarukamwaka ya 2007 y'abashinzwe gushyira mu bikorwa gahunda zo kurwanya icyorezo cya SIDA yatangiye uyu munsi i Kigali. Yakiriye intumwa zigera ku1500 ziturutse ku mpande zitandukanye z'isi. U Rwanda rwemerewe kwakira iyi nama mu rwego rwo gushimirwa uruhari Leta yagize mu kurwanya agakoko gatera SIDA ; n'intera ishimishije rumaze kugeraho muri urwo rwego.

Iyo nama yateguwe na Leta y'u Rwanda ibitewemo inkunga na PEPFAR (Umugambi w'Ubutabazi wa Perezida Bush wo kurwanya SIDA), Global Fund (ikigega cy'isi gishinzwe kurwanya SIDA, Igituntu na Malariya), ONUSIDA/UNAIDS (Ubunyamabanga bwa Gahunda z'Umuryango w'Abibumbye zifatanya mu kurwanya SIDA), Banki y'Isi, l'UNICEF (Ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye gishinzwe kurengera abana), hamwe na OMS/WHO (Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima). Muri iyi nama, Ihuriro ry'Ababana n' Ubwandu bw'Agakoko gatera SIDA (GNP+) ku rwego rw'isi rizakora nk'Itsinda Ngishwanama, kugirango abantu babana n'agakoko gatera SIDA bahagararirwe, kandi batange n'umusanzu wabo nk'inzobere mu gushyira mu bikorwa gahunda zo kurwanya SIDA.

Insanganyamatsiko y'inama y'uyu mwaka ikaba ni «*Kwiteza Imbere mu Bufatanye".* Yemera ko gahunda zo kurwanya SIDA kw'isi ziyongereye vuba. Abashinzwe gushyira mu bikorwa izo gahunda bose bagiye kungurana ibitekerezo ku masomo bize yerekeranye no kongera ubushobozi mu buryo bwo kwirinda ku rwego rw'Igihugu ; ku byerekeye gahunda zijyana n'imiti n'ubuvuzi ; no gukomeza gusuzuma ubuziranenge, ndetse no gushyira hamwe imbaraga. Iyi nama kandi izungurana ibitekerezo ku cyakorwa mu minsi iri imbere muri gahunda zo kurwanya SIDA, hitaweho cyane, ibyerekeranye no gushyira mu bikorwa izo gahunda no kumenya inzitizi z'ingutu zihari, n'ingamba ziboneye zafatwa.

Abenshi mu bitabiriye iyi nama baje baturuka mu bihugu byo muri Afurika no mu bind bice by'isi. Uretse abaminisitiri benshi bayitabiriye, iyi nama kandi yahuje intumwa nyinshi zihagarariye abashinzwe gushyira mu bikorwa gahunda zirwanya SIDA, ndetse n'abahagarariye amadini, inzego z'ibanze hamwe n'abahagarariye ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA.

Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Kurwanya Sida n'Izindi Ndwara z'Ibyorezo muri Miniseteri y' Ubuzima mu Rwanda, Dr. Innocent Nyaruhirira, yagize ati : " Kuba iyi nama y'umwaka wa 2007 y'Abashinzwe gushyira mu bikorwa gahunda zo kurwanya SIDA ibereye mu Rwanda, ni ishema ku Rwanda kandi ni n'amahirwe menshi igihugu cyacu cyagize ". Yongeye agira ati : "Mu Rwanda, tuzi neza kandi twemera ko dushyize hamwe, dushobora kubaka isi itarimo

indwara ziterwa n'ubukene nka SIDA, Malariya n'Igituntu, cyane cyane mu bana bakivuka no mu rubyiruko. Nta mahitamo dufite, tugomba gusohoza amasezerano vuba bishoboka. Ibi byashoboka duhuje, tugakorera hamwe nkuko uyu munsi twabigenje hano i Kigali "

Ambasaderi Mark Dybul, Umuhuza bikorwa wa US Global AIDS, yagize ati : "Uburyo bwinshi bw'ingirakamaro bwo gushyira mu bikorwa izo gahunda zirwanya SIDA kuri ubu bwateye imbere, akaba ndetse ari n'uburyo tubonye bwo kumenyekanisha ibyo bikorwa ku batuye isi bose". Yagize ati : "Abaterankunga bose bagomba gushyira ibikorwa byabo hamwe mu buryo bwo gushyira hamwe gahunda zifatika kandi zizaramba, zitanga, zikanazirikana guhuza ibikorwa mu buryo bwo gutera inkunga imigambi y'ibihugu byakira iyi nama."

Dr. Michel Kazatchkine, Umuyobozi wa Global Fund ishami rishinzwe kurwanya SIDA, Malariya n'Igituntu, yagize ati : "Zimwe mu ngingo z'ingezi Global Fund ishyize imbere ni ukongera imbaraga mu buryo bwo gukorana PEPFAR, n'Amashami y'Umuryango w'Abibumbye, hamwe n'ibihumbi by'amashyirahamwe ari mu gihugu, abaganga n'abaforomo baba barebera hafi imiti n'ubuvuzi bihabwa imfubyi za SIDA, hamwe n'uburyo bwo kwirinda ubwandu bushya." Yakomeje avuga ati : "Uburyo bwiza bwo gushyira hamwe ibikorwa, kugerageza kugabanya ubushobozi, no gusangira ibikorwa by'ingirakamaro – ibi byose bisa naho nta gitangaza kirimo, ariko bivuga ko tugomba gukora ibishoboka byose kugirango tube twarokora benshi. Turashimira kandi PEPFAR kuba yarateye inkunga ikanategura iyi nama."

Dr Peter Piot, Umuyobozi wa ONUSIDA, yavuze ati "Iyi nama iha ONUSIDA amahirwe menshi yo kugeza ubumenyi mu bya tekinike dufite ku bo dukorana bahura n'ibyo bibazo buri munsi," Yongeye agira ati :"Twese hamwe, dushobora kubona umuti w'ibibazo bivuka mu gihe cyo gushyira gahunda mu bikorwa, kungurana ibitekerezo ku byerekeye ibitanga umusaruro n'ibigomba gukosorwa. Ibyo byose bifite akamaro kanini mu gushyiraho intambwe zo kongera gahunda zirwanya SIDA, zifite umugambi wo kwegereza abantu bose imiti n'ubuvuzi, kandi zizirikana ko amafaranga yatanzwe akoreshwa neza."

Doreen Mulenga, Umuyobozi w'Agateganyo wa Gahunda ya UNICEF yo Kurwanya SIDA yavuze ati : « Dushobora kugira ejo hazaza hatarangwa na SIDA». Arongera : *"Tuzi neza ibitanga umusaruro – nta kitubuza gukoresha ibyo tuzi. Niba abana batekerezwaho cyane muri iyi minsi muri gahunda z'abayobozi, ni uko imiti igabanya ubukana bwa SIDA (anti-rétroviraux) ku bana bayikeneye igera kuri 15 ku ijana gusa, kandi iterambere mu kwirinda no kurinda abandi agakoko gatera SIDA mu bana rikaba rigifite inzira ndende. Abo dukorana, bagizwe na za Leta n'abaterankunga, bagomba kuzamura no kongera amaserivisi afasha abaturage, agaha abo bana imiti bakeneye, kandi akabarinda SIDA n'ingaruka zayo.* "

"Aho tugeze, biragaragara ko gahunda imwe yonyine idashobora kurwanya SIDA, kandi buri gihugu kigomba guhora gishakisha igisubizo cyacyo bwite, gishingiye ku bimenyetso bigaragara kandi gikura isomo mu bikorwa byose, haba mu byatanze umusaruro cyangwa se mu byananiranye" nk'uko byavuzwe na Joy Phumaphi, Vice-Perezida w'Ihuriro ry'Iterambere ry'Ikiremwamuntu rya Banki y'Isi Yose ; yahoze kandi ari Umuyobozi Wungirije w'Ikigo cy'Isi cy'Ubuzima (OMS), yahoze ari Minisitiri w'Ubuzima muri Botswana, kuva mu mwaka w' 1999 kugeza muw'i 2003. "Inzira ntiyatwohoreye, habayeho ibyagenze neza n'ibitaragenze neza, ariko twakomeje kurushaho kwiga ibibazo, ari nako duteza imbere ibihugu, dufatanije n'abaterankunga, amashyirahamwe, inzego z'ibanze ndetse n'abantu babana n'agakoko gatera SIDA ; dushobora gufasha inzego z'igihugu zishinzwe kwigisha abantu kwirinda, gutanga imiti, kuvura no kugabanya umuvuduko w'ubwandu, bubangamiye miliyoni z'abantu barwaye cyangwa se babangamiwe na SIDA muri Afurika, Asia no mu tundi turere tw'isi."

Nk'uko byavuzwe na Dr Kevin De Cock, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kurwanya SIDA ryo mu Kigo cy'Isi yose cy'Ubuzima. "Abaterankunga, ibihugu bibangamiwe, ibigo bya LONI hamwe n'abayobozi b'ibihugu, bashoboye gutera imbere mu buryo butubutse kandi bakomeza kwegereza abaturage serivisi zo kurwanya SIDA. "Iyi nama izafasha abakorana gusangira amasomo y'ingenzi bize mu gushyira mu bikorwa gahunda z'inzego zitandukanye (multisectoriels) zirwanya SIDA. Kugira ngo tugere ku migambi yafashweho intego z'umwaka 2010 zo kwegereza buri muntu gahunda zirwanya SIDA, tugomba kumva neza ibitanga umusaruro no kongera ibikorwa by'ingirakamaro.»

Ibikorwa by'yi nama bizatangazwa kuri Internet na kaisernetwork.org, akaba ari serivisi itangirwa ubuntu na Kaiser Family Foundation. Itangazo ry'iyi nama kuri Internet hamwe n'ibisobanuro byerekeranye n'ibizavugwa bishobora kuboneka nyuma y'inama ku rubuga rwihariye rwa Internet rukurikira:
http://www.kaisernetwork.org/healthcast/hivimplementers2007.

Mushatse kumenya ibindi bisobanuro ku byerekeye iyi nama, mushobora kureba ku rubuga rwihariye rwa Internet rukurikira: www.hivimplementers.com.

Amakuru ku byerekeye Abateguye Inama :

Ibikorwa bya ***Guverinoma y'u Rwanda (GR)*** mu kurwanya VIH/SIDA, bishingiye ku gushishikariza abayobozi bo mu nzego zitandukanye za Leta, sosiyete sivile n'Ibigo bitegamiye kuri Leta (ONG), hamwe n'abandi barebwa n'iterambere, gukorana mu buryo bwo gushyira hamwe gahunda ziriho, uburyo bwo kuyobora, n'isesengura rusange, bibanda ku musaruro no gutanga serivisi zifite ubushobozi n'ubuziranenge buhanitse muri gahunda zo kurwanya SIDA. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro kuri GR, mushobora kwifashisha urubuga rwihariye rwa Internet www.gov.rw, ku byerekeye SIDA n'ubuzima muri rusange, mushobora kwifashisha urubuga rwihariye rwa Internet rwa Minisiteri y'Ubuzima (www.moh.gov.rw), ndetse hamwe no ku rubuga rwa CNLS (Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Kurwanya SIDA) www.cnls.gov.rw

Amakuru kubyerekeye Abaterankunga b'iyo nama:

PEPFAR, Umugambi w'Ubutabazi wa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe, ni igikorwa k'ingenzi mu bijyana n'ubuzima, akaba nta kindi gihugu cyo ku isi cyari cyari cyaragitekereje kigamije kurwanya indwara imwe. Amafaranga Perezida Bush asaba ku ngengo y'imari y'umwaka w'2008 niyemerwa n'Inteko, uwo Mugambi w'ubutabazi uzarenza ayo Bush yari yasezeranije gutanga angana na miliyari 15 z'amadolari y'amanyamerika mu myaka itanu, kuri miliyari 18.3 z'amadolari y'amanyamerika yari agenewe kurwanya SIDA ku rwego rwo kw'isi mu myaka itanu ya mbere ya PEPFAR. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro ku byerekeye PEPFAR, mushobora kwifashisha urubuga rwa internet rwihariye www.PEPFAR.gov.

Global Fund irwanya SIDA, ni iklgituntu na Marariya ni ikigega gikorana na Leta ndetse n'abikorera ku giti cyabo, mu gusarura no gutanga amafaranga afasha kurwanya no kuvura SIDA, Igituntu na Marariya. Global Fund yemeye gutanga inkunga za gahunda 450 zo mu bihugu 136. Icyo gikorwa kikazatwara mafaranga agera kuri miliyari 7 z'amadolari y'amanyamerika. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro ku byerekeye Global Fund, mushobora kwifashisha urubuga rwa Internet www.theglobalfund.org.

ONUSIDA ni ishami ry'Umuryango w'Abibumbye, rishinzwe gukusanya ibikorwa n'ubukungu bw'Ubunyamabanga bwa ONUSIDA hamwe n'ibigo icumi byo mu Umuryango w'Abibumbye mu kurwanya SIDA. Ubuyobozi bw'icyo kigo buri i Genève mu bu Suwisi–kikaba gifite abakozi

bagihagarariye mu bihugu 80. Igikorwa cyo kurwanya SIDA gifite gahunda imwe iyobowe n'Umuryango w'Abibumbye mu bihugu bitandukanye, ibicishije mu ku matsinda ashingiye ku bitekerezo runaka na gahunda rusange yo kurwanya SIDA. Mu baterankunga ba ONUSIDA twavuga nka UNHCR, UNICEF, WFP, PNUD, UNFPA, UNODC, ILO, UNESCO, OMS na Banki y'Isi. Ku bindi bisobanuro mwakwifashisha urubuga rwa Internet rwa ONUSIDA kuri: www.unaids.org

UNICEF (Ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye gishinzwe kurengera Umwana). Mu mwaka w'2005, UNICEF, ONUSIDA n'abandi baterankuga batangiye iyamamaza matwara rigira riti «*Twese hamwe turengere abana, Twese hamwe turwanye Icyorezo cya SIDA*». Ingingo z'ingenzi ryibanzeho ni : uburyo bwo kurinda umwana kwanduzwa na nyina; ubuvuzi bwa SIDA mu bana; gahunda zo kwigisha kwirinda ubwandu bwa SIDA; no gufasha imfubyi n'abandi bana b'abakene. UNICEF ikorera mu bihugu n'uturere 155. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro, mushobora kwifashisha urubuga rwa Internet www.unicef.org.

Banki y'Isi Yose yiyemeje kujya muri gahunda zo kurwanya SIDA yo mwanzi w'amajyambere wayibuza gukomeza gahunda yayo yo kurwanya ubukene. Banki y'Isi itera inkunga gahunda zo kurwanya SIDA kw'isi yose ; kugeza ubu, ikaba yaratanze inkunga irenga miliyari 2.7 z'amadolari y'amanyamerika. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro kubyerekeye ibikorwa byo kurwanya SIDA bya Banki y'Isi, mwakwifashisha urubuga rwayo rwihariye rwa Internet www.worldbank.org/aids.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Buzima (OMS) : riyobora kandi rigahuza ibikorwa bya gahunda z'ubuzima ku rwego mpuzamahanga ; rikuriye imikorere y'Umuryango w'Abibumbye ku nzego zose z'ubuzima ku isi mu kurwanya SIDA. Mushatse ku menya ibindi bisobanuro, mwakwifashisa urubuga rwa internet www.who.int.

Amakuru ku byerekeye Itsinda Ngishwanama Ryemewe:

Ihuriro ry'ababana n'ubwandu bw'agakoko ka SIDA (GNP+) ku rwego rw'isi: ihuriro ryashyizweho n'ababana n'ubwandu bw'agakoko ka Sida kugirango rishobore kurengera inyungu zabo (PLHIV). Intego y'iri huriro ni ukurushaho guha agaciro ubuzima bw'ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA (PLHIV). Umurongo ngenderwaho w'ibikorwa bya GNP+ uyoborwa na Gahunda y'isi yigisha abantu ibyerekeye icyorezo SIDA (Programme Mondiale du Plaidoyer), iyo gahunda ikaba ikubiye mu ngingo eshatu zikurikira :

(i) Guteza imbere gahunda yo kwegereza ababana n'ubwandu, ubuvuz, serivisi zitanga imiti no kubigisha uburyo bwo kwirinda icyorezo Sida;

(ii) Kurwanya akato n'ivangura no

(iii) Gushyigikira no guha uruhare runini kandi rugaragara ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA (PLHIV). GNP+ niryo huriro mpuzamahanga ryonyine rihagarariye inyungu z'ababana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, rishingiye ku kwibohoza no kwigenga. GNP+ yabyaye andi mahuriro atandatu yigenga y'ababana n'ubwandu PLHIV, arimo ayo muri Afurika (NAP+), Asia (APN+), Caraïbes (CRN+), n'Iburayi (GNP+ Europe), Amerika y'Epfo (REDLa+) na Amerika y'Amajyauguru (GNP+ NA). Intumwa zatowe n'ayo mahuriro nizo zigize inama y'ubuyobozi bwa GNP+. Mushatse kumenya ibindi bisobanuro mwabisanga ku rubuga rwa Internet www.gnpplus.net

# # # #